

# Gutanga uruhushya Consent

**ITANGAZO RIGENEWE ABAFASHWA:** Minisiteri ya serivisi z'imibereho myiza n'ubuzima (DSHS) ishobora kugufasha neza kurushaho niba ushobora gukorana n'izindi nzego n'abakozi bakuzi banazi umuryango wawe. Mu gushyira umukono kuri iyi fishi, uraba uhayeho uruhushya DSHS n'ibigo n'abantu bavuzwe ahakurikira rwo gukoresha no gusangiza amakuru y'ibanga akwerekereye. DSHS ntishobora kukwima ibyo ugenera igihe udashyize umukono kuri iyi fishi keretse kuyiha uruhushya ari ngombwa kugira ngo harebwe ko wakwemererwa. Nudashyira umukono kuri iyi fishi, DSHS ishobora gusangiza amakuru akwerekereye hakurikijwe ingingo zemewe n'amategeko. Niba ufite ikibazo cyerekeye uko DSHS ishagiza amakuru y'ibanga y'ufashwa cyangwa uburenganzira ku buzima bwite bawe, rebera ku Amabwiriza agenga ubuzima bwite ya DSHS cyangwa ubibaze umuntu uguha iyi fishi.

UMWIRONDO W'UFASHWA:			
IZINA	ITARIKI Y'AMAVUKO	NOMERO IMURANGA	
ADERESI	UMUJYI	LETA	AGASANDUKU K'IPOSITA
NOMERO YA TELEFONE (HARIMO NA KODE Y'AGACE AHEREREYEMO)		ANDI MAKURU	

**GUTANGA URUHUSHYA:**

Ntanze uruhushya rwo gukoresha amakuru y'ibanga anyerekeyeho muri DSHS mu rwego rwo gushyiraho gahunda, gutanga, no guhuza ibikorwa bya serivisi, ubuvuzi, kwishyura, n'ibyo ngenera cyangwa ku zindi mpamvu zemewe n'amategeko. Nanahaye uruhushya DSHS n'ibigo, abatanga serivisi, cyangwa abantu bavuzwe ahakurikira mu rwego rwo gukoresha amakuru y'ibanga anyerekeyeho no kuyatangaza hagati ya bo kuri izo mpamvu. Amakuru ashobora gusangizwa mu magambo cyangwa hakoreshejwe kohereza amakuru kuri mudasobwa, iposita, cyangwa mu ntoki.

Vivura abarebwa bose n'uru ruhushya rutanzwe biyongera kuri DSHS no kubagaragaza ukoresheje izina na aderesi byabo:

Abatanga serivisi z'ubuvuzi: \_\_\_\_\_

Abatanga serivisi z'ubuvuzi bwo mu mutwe: \_\_\_\_\_

Abatanga serivisi z'ubuvuzi bw'indwara zikomoka ku gukoresha ibiyobyabwenge: \_\_\_\_\_

Abandi batanga serivisi bagiranye amasezerano na DSHS: \_\_\_\_\_

Gahunda z'amacumbi: \_\_\_\_\_

Amafasi y'amashuri cyangwa koleje: \_\_\_\_\_

Ishami rishinzwe abagororwa n'imfungwa: \_\_\_\_\_

Ishami rishinzwe umutekano mu kazi n'abafatanyabikorwa mu kazi bakorana: \_\_\_\_\_

Urwego rushinzwe ubwiteganyirize bw'abakozi n'ibindi bigo by'Amerika: \_\_\_\_\_

Reba urutonde ruri ku mugereka

Undi:

Ntaze uburenganzira kandi nemeye gushyiraho inyandiko z'amakuru n'amakuru akurikira (vivura ibiri byo byose):

Inyandiko z'amakuru zose z'abafashwa nkurikirana  Inyandiko z'amakuru ziri ku rutonde ruri ku mugereka

Inyandiko z'amakuru zikurikira gusa

Inyandiko zigaragaza iby'umuryango, ubwiteganyirize n'akazi  Amakuru y'ubuvuzi  Ubwishingizi bwo kuvurwa cyangwa ubuvuzi

Inyandiko z'amakuru yo kwishyurwa  Amasuzuma bwite assessments  Amashuri, uburezi, n'amahugurwa

Ayandi (yavuye):

**ICYITONDERWA:** Niba amakuru y'ufashwa ukurikirana akubiyemo muri amwe mu makuru akurikira, unagomba kuzuzwa iki gice kugira ngo ushyiremo izo nyandiko z'amakuru.

Ntanze uruhushya rwo gutangaza inyandiko z'amakuru zikurikira (vivura ibiri byo byose):

Ubuzima bwo mu mutwe  Ibisubizo by'ibizamini cyangwa ubuvuzi bw'agakoko gatera SIDA/SIDA n'indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina

Indwara zituruka ku gukoresha ibiyobyabwenge

- Uru ruhushya rufite agaciro k'  umwaka umwe  igihe cyose DSHS ikeneye inyandiko z'amakuru cyangwa  kugeza \_\_\_\_\_ (itariki cyangwa igikorwa).

- Nshobora gutanga agaciro cyangwa kuvanaho uruhushya natanze igihe cyose bikozwe mu nyandiko, ariko bikaba bitagira ingaruka ku makuru yamaze gusangizwa.

- Nsobanukiwe ko inyandiko z'amakuru hakurikijwe uru ruhushya zishobora kuba zitakirinzwe hakurikijwe amategeko akurikizwa na DSHS.

- Kopi y'iyi fishi ifite agaciro ku buryo yatanga uruhushya rwanyije rwo gusangiza inyandiko z'amakuru.

UMUKONO	ITARIKI	UMUTANGABUHAMYA / NOTERI (UMUKONO N'AMAZINA MU NYUGUTI NKURU, IYO BIKURIKIZWA)	ITARIKI
UMUKONO W'UMUBYEYI CYANGWA UMUHAGARARIYE (IYO BIKURIKIZWA)	NOMERO YA TELEFONE (HARIMO NA KODE Y'AGACE AHEREREYEMO)		ITARIKI

Niba atari nje uvugwa mu nyandiko z'amakuru, nemerewe gushyira umukono ku nyandiko kubera ko ndi: (shyira ku mugereka icyemezo cy'uburenganzira)

Umubyeyi  Umwishingizi w'umwana wemewe n'amategeko (shyiraho icyemezo cy'urukiko)  Umuhagarariye  Undi:

**ITANGAZO RYO KWAKIRA AMAKURU:** Niba izi nyandiko z'amakuru zikubiyemo amakuru yerekeye agakoko gatera SIDA, indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina cyangwa SID, ushobora kudatangaza andi makuru utabanje kubihereza uruhushya rwihariye n'ufashwa. Niba wahawe amakuru ajanyanye no gukoresha ibiyobyabwenge cyangwa kunywa inzoga n'ufashwa, ugomba kwandika amagambo abihamya igihe uri gutangaza andi makuru nk'uko bisabwa na 42 CFR 2.32:

Watangarijwe aya makuru avuye mu nyandiko z'amakuru zirinzwe hakurijwe Amategeko agenga ibanga y'Amerika (42 CFR igice cya 2). Amategeko y'Amerika akubura gutangaza andi makuru kertesha uko kuyatangaza byemewe ku buryo budasubirwaho mu ruhushya rwanditse n'umuntu bireba cyangwa se bikaba byemewe hakurikijwe 42 CFR igice cya 2. Uruhushya rusange rwo gutangaza amakuru y'ubuvuzi cyangwa andi makuru NTIRUBA ruhagije ku bw'iyi mpamvu. Amategeko y'Amerika abaza ikoresheya ry'amakuru yose mu rwego rw'iperereza mpanabyaha cyangwa gushinje umurwayi ibyo kunywa inzoga cyangwa gukoresha ibiyobyabwenge.

## AMABWIRIZA AGENGA KUZUZA IFISHI YO GUTANGA URUHUSHYA WASOBANURIWE

**Ikgamijwe:** Gukoresha iyi fishi igihe ukeneye gutanga uruhushya mu gukoresha amakuru y'ibanga ku buryo bukomeza yerekeye ufashwa muri DSHS cyangwa gutangariza amakuru zindi nzego mu guhuza ibikorwa bya serivisi cyangwa ubuvuzi, kwishyura cyangwa ibikorwa by'ikigo cyangwa ku zindi mpamvu ziteganywa n'itegeko. Abafashwa ni abantu bahabwa ibyo bagenerwa cyangwa serivisi na DSHS.

**Ikoreshwa:** Uzuzwa iyi fishi mu buryo bw'ikoranabuhanga igihe bishoboka kugira ngo horoshye uburyo bwo kuyisoma, **Indi fishi igomba kuzuzwa kuri buri muntu, harimo abana.** "Wowe" mu mabwiriza bivuga abakozi ba DSHS naho "wowe" ku ifishi bikavuga ufashwa. Gusangiza inyandiko z'amakuru birimo ikoreshwa n'itangazwa ry'amakuru y'ibanga yerekeye ufashwa.

### **Ibice bigize ifishi:**

#### UMWIRONDORO:

- **Izina:** Tanga izina ry'ufashwa umwe gusa kuri buri fishi. Harimo amazina yose ufashwa ashobora kuba yarakoresheje igihe yahabwaga serivisi.
- **Itariki y'amavuko:** Irakenewe kugira ngo ufashwa atandukanywe n'abandi bantu bafite amazina asa.
- **Nomero imuranga:** Tanga numero iranga ufashwa cyangwa ikindi kimuranga nka numero y'ubwiteganyirize (si ngombwa) kugira ngo bifashe mu kumenya inyandiko z'amakuru no gukurikirana ibyakozwe na serivisi yahawe.
- **Aderesi na telefone:** Andi makuru afasha mu kumenya aho ufashwa aherereye no kumugaragaza cyangwa kumuhamagara.
- **Ikindi:** Harimo agasanduku k'iposita ke n'andi makuru ashobora gufasha mu kumenya aho inyandiko z'amakuru zihereye zishobora kuba zirimo zimwe muri serivisi zatanzwe na DSHS, amazina y'abagize umuryango, cyangwa andi makuru ya ngombwa.

#### GUTANGA URUHUSHYA (KWEMERA):

- **Ibigo cyangwa abantu bari guhana inyandiko z'amakuru:** Kuzuza iyi fishi bikozwe n'ufashwa bituma hakoreshwa hakanasangizwa amakuru y'ibanga mu bigo byose bya DSHS. DSHS itangaza ikanakira amakuru y'ibanga aturutse ku bigo byo hanze cyangwa bantu bavuzwe. Gutanga amakuru y'umwirondoro yerekeye ibigo cyangwa abatanga serivisi, harimo amazina, aderesi cyangwa aho biherereye iyo bishoboka. Unashobora gushyira ku mugereka urutonde rw'ibigo byemerewe gutangaza amakuru aho ishyirwaho umukono n'umukiriya.
- **Amakuru akubiyemo:** Abafashwa bagomba kugaragaza inyandiko z'amakuru arebwa n'uruhushya. Abafashwa bashobora gutuma inyandiko z'amakuru zose ziboneka cyangwa bagahagarika inyandiko z'amakuru zigomba gutangwa hakurikijwe itariki, ubwoko cyangwa aho iyo nyandiko y'amakuru yaturutse. Iyo ufashwa adashyize umukono ku nyandiko itanga uruhushya cyangwa ntagaragaze neza inyandiko y'amakuru yihariye, gusangiza inyandiko y'amakuru byemerwa gusa iyo bikurikije itegeko. Ushobora gushyira ku mugereka urutonde rw'inyandiko z'amakuru bireba, ufashwa na bwo akarushyiraho umukono. Niba inyandiko z'amakuru zikubiyemo amakuru ajyanye n'ubuzima bwo mu mutwe (RCW 71.05.620), agakoko gatera SIDA/indwara ya SIDA, cyangwa ibizamini no kuvurwa indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina (RCW 70.02.220), cyangwa serivisi z'ubuvuzi bwo gukoresha ibiyobyabwenge cyangwa kunywa inzoga (42 CFR 2.31(a)(5)), ufashwa agomba kubivuraho by'umwihariko yerekana uruhushya atanze rwo gutangaza izo nyandiko z'amakuru. Iyi fishi ntiyemerewe gushyirwamo amakuru y'ubuvuzi bw'indwara zo mu mutwe hakurikijwe 45 CFR 164.508(b)(3)(ii) kandi indi fishi igomba kuzuzwa kugira ngo ishyirweho izo nyandiko z'amakuru.
- **Igihe bimara:** Harimo itariki uruhushya ruzarangiriraho rufasha muri gahunda uhabwa cyangwa nk'uko biteganywa n'amategeko.
- **Gusobanukirwa:** Kora ku buryo ufashwa asobanukirwa icyo uruhushya ruri gutangirwa n'uburyo n'impamvu amakuru azasangizwa. Iyo ari ngombwa, ukoreshe ifishi yasemuwe n'umusemuri cyangwa ukamusomera ifishi mu ijwi riranguruye. Iyo ufashwa ukeneye andi makuru, utanga indi kopi y'Amabwiriza agenga ubuzima bwite ya DSHS cyangwa ugasaba ufashwa akifashisha umukozi ushinze itangazwa ry'amakuru mu ishamba ukoramo

#### IMIKONO:

- **Ufashwa:** Reka ufashwa cyangwa umwana urengeje imyaka yo kwitangira uruhushya (13 kuri serivisi z'ubuvuzi bw'indwara zo mu mutwe, ibiyobyabwenge no kunywa inzoga; 14 ku gakoko gatera SIDA/indwara ya SIDA n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina; imyaka yose yemewe ku kuboneza urubyaro no gukuramo inda; 18 ku buvuzi n'izindi nyandiko z'amakuru) shyira umukono kuri aka kazu maze wandike itariki n'umukono. Ufashwa ashobora kubisimbura ikimenyetso muri aka kazu uhibereye.
- **Umutangabuhamya cyangwa Noteri:** Umutangabuhamya cyangwa noteri bashobora gukenerwa kugira ngo bagenzwe umwirondoro wawe iyo utitangiye iyi fishi cyangwa iyo gahunda isabye ko habaho igenzura. Uwo muntu agomba gushyiraho umukono n'amazina ye mu nyuguti nkuru.
- **Umubyeyi cyangwa undi umuhagarariye:** Niba ufashwa ari umwana utagejeje imyaka yo kwitangira uruhushya, umubyeyi cyangwa umwishingizi we agomba kumushyiraho umukono. Niba umwana atagejeje imyaka yo gutanga uruhushya ku nyandiko z'amakuru zose zigomba gusangizwa, umwana n'umubyeyi bagomba gushyiraho umukono. Iyo byemejwe n'amategeko ko ufashwa adafite ubushobozi, urukiko rushyiraho umwishingizi we ugomba kumushyiraho umukono no gutanga kopi y'icyemezo cy'urukiko kimushyiraho. Iyo undi muntu ari we ushyiraho umukono afite urundi ruhushya (harimo umuntu ufite inyandiko mpeshabubasha cyangwa umuhagarariye byemewe n'amategeko), uvivura "undi" maze ugahabwa kopi iguhesha ububasha mu mategeko kugira ngo ubishyireho umukono. Ushyiraho umukono agomba gushyiraho itariki yashyiriyeho umukono no gutanga numero ya telefone cyangwa aderesi.